REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO Y'UMUCO

Huye, tariki ya 15/09/ 2021
Ref:2021/RCHA//DDGLC/001

Kuri:

Bwana/Madamu mushakashatsi mu Kinyarwanda,
Bwana/Madamu mwarimu w'Ikinyarwanda,
Bwana/Madamu muhanzi,
Bwana/Madamu munyamakuru,

Impamvu: Kumurika igazeti **Umurage** n'ibindi bitabo byanditswe n'Inteko y'Umuco muri 2020/2021

Bwana /Madamu;

Mu rwego rwo kwizihiza ukwezi kwahariwe gusoma no kwandika 2021, Inteko y'Umuco yishimiye kubatumira mu nama yo kumurikira Abanyarwanda inyandiko zanditswe ku Kinyarwanda mu mwaka wa 2020/2021. Iyi nama ikaba izaba ku wa Gatatu tariki ya 22 Nzeri 2021, kuva saa yine kugera saa sita (10:00-12:00), ku buryo bw'ikoranabuhanga rya Webex.

Muri iyi nama, Inteko y'Umuco izamurikira Abanyarwanda igazeti yayo *Umurage* (ISSN: 2789-1305), nomero ya mbere ifite insanganyamatsiko igira iti: "*Ikinyarwanda, Ubumenyi n'Ubuvanganzo*". Iyi gazeti itangazwamo ibyavuye mu bushakashatsi ku rurimi rw'Ikinyarwanda, umuco n'umurage by'u Rwanda, igasohoka kabiri mu mwaka.

Muri iyi nama kandi hazamurikwamo ibindi bitabo byanditswe mu mwaka wa 2020/2021 harimo ibitabo bibiri by'imivugo n'inkuru ngufi byahanzwe n'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye ari byo *Indirirarugamba mu nganzo: Imivugo* n'*Indirirarugamba mu nganzo: Inkuru ngufi*. Hazamurikwa kandi igitabo ku buvanganzo cyitwa *Ubuvanganzo nyemvugo nyarwanda, ibihozo*. Inteko y'Umuco ikaba ikangurira abashakashatsi kuzifashisha ibi bitabo, abanyamakuru kubimenyekanisha n'abahanzi kubivomamo ibyakabura inganzo yabo mu byo bahanga.

Tubashimiye ubufatanye mudahwema kutugaragariza.

Digitally signed by RCHA(Deputy Director General)
Date: 2021.09.15 09:49:19 +02'00'

UWIRINGIYIMANA Jean-Claude,

Intebe y'Inteko Yungirije
Ushinzwe Iterambere ry'Ururimi n'Umuco

Bimenyeshejwe:

- Intebe y'Inteko, Inteko y'Umuco